



MILIYARI 70 FRW ZAGENEWE KWIMURA ABATUYE AHAZUBAKWA URUGOMERO RWA NYABARONGO II

**NIGERIAN INNOVATION
MINISTER HAILS RWANDA'S
ELECTRICITY ACCESS
MILESTONE**

**RENEWABLE ENERGY FOR
SUSTAINABLE GROWTH (RE4SG)
2025 – KIGALI**

**RWANDA REAFFIRMS
COMMITMENT TO SOLAR ENERGY
SOLUTIONS AT 7TH AFRICA
REGIONAL ISA MEETING IN**



OUR VISION

To be the leading regional
provider of innovative
and sustainable energy solutions
for national development.

OUR MISSION

Developing and providing reliable
and affordable
energy while creating value
for our stakeholders.

TABLE OF CONTENTS

NIGERIAN INNOVATION MINISTER HAILS RWANDA'S ELECTRICITY ACCESS MILESTONE		5
NIGERIA ISHIMA INTAMBWE U RWANDA RUKOMEJE GUTERA MU KONGERA INGUFU Z'AMASHANYARAZI		6
RENEWABLE ENERGY FOR SUSTAINABLE GROWTH (RE4SG) 2025 - KIGALI		7
MILIYARI 70 FRW ZAGENEWE KWIMURA ABATUYE AHAZUBAKWA URUGOMERO RWA NYABARONGO II		9
RWANDA REAFFIRMS COMMITMENT TO SOLAR ENERGY SOLUTIONS AT 7TH AFRICA REGIONAL ISA MEETING IN ACCRA		10
IBURASIRAZUBA: INGO 217 560 ZIZAGEZWAHO AMASHANYARAZI MU 2029		11
ABATUYE MU KARERE KA GICUMBI BARAVUGA IMYATO LETA Y'U RWANDA NYUMA YO KUBAGEZAHO AMASHANYARAZI KU KIGERO CYA 81%.		12
SFD FUNDS A PROJECT TO DELIVER ELECTRICITY IN KAMONYI		13

Core Values of REG



Customer Oriented

Serving our customers and ensuring their satisfaction through our culture of excellence



Integrity

We are open, fair and honest with our stakeholders



RESPECT FOR PEOPLE

We respect, empower, recognize and ensure the continuous development of our people.



TEAM WORK

We work together reinforcing our professional capabilities as individuals, teams and operating units



EFFICIENCY

We innovatively achieve more with fewer resources without compromising quality



SUSTAINABILITY

We provide sustainable solutions in a safe environment

1 NIGERIAN INNOVATION MINISTER HAILS RWANDA'S ELECTRICITY ACCESS MILESTONE



A delegation of senior officials from Nigeria has commended Rwanda for the strides it continues to make in expanding electricity access across the country.

The Nigerian delegation composed of more than thirty high level managers was headed by Hon. Uche Nnaji, Minister of Innovation, Science, and Technology. Their discussions with the Ministry of Infrastructure and Rwanda Energy Group focused on strengthening cooperation in the energy sector between Rwanda and Nigeria.

Rwanda's Minister of Infrastructure, Hon. Jimmy Gasore, together with senior leaders of the Rwanda Energy Group (REG) led by CEO Armand Zingiro, hosted the officials from the Energy Commission of Nigeria (ECN) on a five-day study visit.

Minister Nnaji praised Rwanda for its achievements in advancing the energy sector, especially the access to electricity which stands at 85%, noting that collaboration between the two countries would be vital in boosting sustainable energy development. He emphasized the need for stronger partnerships to accelerate access to power. Nigeria produces more than 14,000MW and has the access rate of 66%, with a population of more than 260 million people.

During the meeting, the two sides exchanged ideas on policy frameworks and strategic plans for sustainable energy development in Rwanda and Nigeria. Nigerian officials were particularly keen to learn how Rwanda has managed to expand electricity access to a large portion of its population in such a short time.

In response, REG CEO Armand Zingiro highlighted that Rwanda's success stemmed primarily from the government's strong political will to ensure every citizen has access to electricity. He added that the government invested heavily in the sector and worked closely with development partners to achieve rapid progress.

The discussions also touched on clean cooking solutions aimed at reducing environmental impact. Rwanda showcased its ongoing campaigns mobilizing citizens to shift from firewood and charcoal to cleaner alternatives of cooking such as gas, pellets, and electricity.

As part of their visit, the Nigerian delegation toured the Rwamagana Gigawatt Solar Power Plant, where they expressed appreciation for the technology harnessing solar energy for electricity generation.

2 NIGERIA ISHIMA INTAMBWE U RWANDA RUKOMEJE GUTERA MU KONGERA INGUFU Z'AMASHANYARAZI



Abayobozi barenga 30 bo muri Komisiyo ishinzwe ingufu muri Nigeria (Energy Commission of Nigeria) basuye REG.

Minisitiri w'ibikorwaremezo mu Rwanda, Jimmy Gasore, ari kumwe n'Umukuru wa REG (Rwanda Energy Group), Armand Zingiro n'abayobozi bakuru muri iyo Sosiyete y'u Rwanda ishinzwe ingufu, bakiriye itsinda ry'abayobozi barenga 30 bo muri Komisiyo ishinzwe ingufu muri Nigeria (Energy Commission of Nigeria).

Ni itsinda riyobowe na Minisitiri w'ubumenyi n'ikorabuhanga mu guhanga udushya Minister of Innovation, Science and Technology, Uche Nnaji. Aba bayobozi bari mu rugendoshuri rw'iminsi itanu mu Rwanda.

Ibiganiri byabo byibanze ku bufatanye mu guteza imbere ingufu hagati y'ibihugu byombi byaba u Rwanda ndetse na Nigeria. Minisitiri Nnaji, yashimye u Rwanda ku ntambwe rumaze gutera mu guteza imbere urwego rw'ingufu anagaragazako ari ingenzi cyane mu guteza imbere ingufu mu bihugu byombi, asaba ko habaho imikoranire ihamye yashingira kumasezerano y'ubufatanye.

Muri iyo nama yahuje abayobozi bashinzwe ingufu kandi bunguranye ibitekerezo kuri Politiki na gahunda irambye yo guteza imbere ingufu mu Rwanda no muri Nigeria.

U Rwanda rwagaragaje ko kuri ubu abaturage bagerwaho n'amashanyarazi ari 85% muri miliyoni zirenga 14 zituye u Rwanda mu gihe Nigeria yagaragaje ko yo igeze kuri 66% y'abanyanigeria bagerwaho n'amashanyarazi mu baturage barenga Miliyoni 260 batuye Nigeria.

3 RENEWABLE ENERGY FOR SUSTAINABLE GROWTH (RE4SG) 2025 - KIGALI



The Renewable Energy for Sustainable Growth (RE4SG) Conference and Exhibition which was held in Kigali, Rwanda between 08th – 12th September, 2025 has grown into a pivotal platform for promoting renewable energy solutions in Africa.

Following the success of four previous editions (2017, 2018, 2019, and 2024) held in Kigali, Rwanda, this 5th edition has poised to achieve greater impact. The previous conferences catalyzed investments, informed policy development, advanced renewable energy technologies, Green Transport, Access to clean cooking, climate finance and carbon credits, gender inclusivity in energy transition facilitated knowledge sharing, and strengthened collaborations among stakeholders.

Opening the fifth edition of the Renewable Energy for Sustainable Growth Conference and Exhibition on September 9, State Minister for Infrastructure Jean de Dieu Uwhanganye urged Rwandans to embrace renewable energy solutions, particularly rooftop solar, to help accelerate the country's energy transition.

"People are encouraged to use their rooftops to generate electricity by installing solar panels. These systems are now much more affordable than they used to be, thanks to advances in technology," Uwhanganye said. "In the past, solar power was expensive and difficult to adopt, but that has changed. Today, we want households to use the sun to generate power for cooking, heating water, and other daily needs."

He added that as renewable energy use expands, electricity costs are expected to fall. Rwanda's seven-year government plan targets renewables to account for 50 percent of the national energy mix, a share that is expected to grow beyond 2050.

Currently, the country has just over 400 megawatts of installed capacity, with plans to scale this to more than 3 gigawatts by mid-century.

At the conference, Dr. Ivan Twagirashema, Chairperson of Energy Private Developers (EPD), highlighted the potential of diversifying renewable sources.

“Renewable energy can come from the sun, rivers, wind, and even plants that produce biofuels. In some countries, sugarcane and other crops are used to make fuel for vehicles. This is an area Rwanda can also explore,” Twagirashema said.

He noted that innovation is central to expanding the sector, with advances in digital tools such as robotics, artificial intelligence, and drones opening new possibilities for managing and scaling renewable systems.

Environmental experts stressed that renewables are also key to climate action.

“Fossil fuels like coal and petroleum are the main drivers of global warming. Even though Rwanda is not highly industrialised, we are still affected,” said Faustin Vuningoma, Coordinator of the Rwanda Climate Change and Development Network (RCCDN). *“Shifting to renewable energy is not just necessary; it positions us as an example for Africa and the world.”*

The government maintains that affordability will remain a guiding principle. Uwhanganye pointed out that renewables, particularly solar, are already cheaper than fossil-fuel alternatives and align with Rwanda’s broader strategy to cut reliance on firewood and other polluting energy sources.

Private companies showcased their innovations during the event, including solar distribution and off-grid solutions.

Christella Uwamahoro, Business Lead at solar company Munyax Eco, said progress has been made since they began operations in 2013, but challenges remain.

“Taxes have been eased, which helps. But we still face issues such as limited financing and lack of access to grants. Banks offer short repayment periods, which is tough for our kind of business. We also need more young tech talent to help us innovate,” she said.

Twagirashema, of EPD, added that renewable energy is now indispensable. *“Without power, you cannot use a phone, a computer, or modern technologies. Our aim is for renewables to dominate that energy mix.”*

Regional collaboration

This year’s Energy Week drew participants from across Africa and beyond, including Malawi, Zambia, Nigeria, China, the Netherlands, and the Democratic Republic of Congo. Organizers stressed that the event is no longer just a Rwandan gathering, but a continental platform for learning and cooperation.

“There is an ambition to provide electricity to 300 million people in Africa by 2030. That is why we brought partners from across the continent—to learn from one another,” said Serge Wilson Muhizi, CEO of EPD.

For entrepreneurs, the networking and knowledge exchange were just as valuable as business opportunities. *“Listening to the experiences of others helps you find solutions to your own challenges,”* said Anita Umutoniwase, Managing Director of Eco Green Solutions Ltd.

By September 2025, 82.2 percent of households had access to electricity, with 57.4 percent connected to the national grid and 24.8 percent using off-grid systems such as solar.

4 MILIYARI 70 FRW ZAGENEWE KWIMURA ABATUYE AHAZUBAKWA URUGOMERO RWA NYABARONGO II

Guverinoma y’u Rwanda yateganyije miliyari 70 z’amafaranga y’u Rwanda, azakoreshwa mu bikorwa byo kwimura abaturage, ahazubakwa urugomero rwa Nyabarongo II, rwitezweho gutanga Magawati 43.5 rukanarema ububiko bw’amazi bw’ikiyaga cya metero kibe miliyoni 800.

Ni urugomero ruzaba ari rumwe mu mishinga minini mu gihugu mu by’ingufu z’amashanyarazi, ubwikorezi bwo mu mazi, siporo, ubukerarugendo no kuhira imyaka, uzaba ubarizwa ku bilometere 67 bikorakururwa Nyarugenge, Rulindo, Gakenke, Muhanga, Kamonyi, Nyabihu, Ngororero na Musanze.

Umuyobozi Mukuru w’ Ikigo gishinzwe Ibikorwaremezo byo gukwirakwiza Umurimo w’Amashyanyarazi (EDCL), Felix Gakuba, yavuze ko bamwe mu baturage bamaze kwishyurwa ndetse bakimurwa, mu gihe abandi bafite ibibazo by’ibyangombwa bituzuye basabwa kuzuza ibisabwa kugira ngo na bo bishyurwe.

Yagize ati: *“Ku baturage bazagirwaho ingaruka n’ikiyaga cy’urugomero, imitungo yabo n’imibereho yabo biri gukusanyirizwa amakuru. Bazimurirwa mu midugudu igezweho izubakwa hafi y’aho bari basanzwe batuye kandi bahabwe ibikorwa remezo byose by’ibanze birimo amashuri n’ibigo nderabuzima.”*

Yakomeje ashimangira ko abo baturage bazanabona inyungu mu bikorwa by’ubukungu bizakomoka kuri uru rugomero, byiyongera ku ngurane bazaba bahawe

Urukuta rw’urugomero ruri kubakwa hagati y’Akarere ka Kamonyi mu Murenge wa Ngamba n’aka Gakenke mu Murenge wa Muhondo.

Biteganyijwe ko uruzi ruzavamo ruzaba rufite ubuso bwa kilometero kare zikabakaba 30, rufite ubujyakuzimu bwa metero 59 n’amazi y’ikiyaga arenga metero kibe zisaga miliyoni 800.

Uyu mushinga uzubakwa urugomero rwa Nyabarongo II ruzatanga megawati 43.5 z’amashanyarazi, runuhire hegitari 20 000, kandi unafashe mu bworozi bw’amafi, ubwikorezi bwo mu mazi n’ibindi bikorwa by’ubukungu.

Inzego z’ubuyobozi zivuga ko ibizimurwaho birimo ubutaka n’inzu, bikaba biteganyijwe ko imiryango igera ku 3 400 ari yo izimurwa.



NiumushingawitezwehuguhaakaziAbanyarwanda bagera ku 1000, aho iyo mirimo yo kurwubaka izatwara amafaranga y’u Rwanda asaga miliyari 320, hatabariwemo amafaranga yo kwimura abaturage.

Gakuba yagize ati: *“Mu gihe cy’imvura ubwo urugomero ruzaba ruhangwa, amazi azajya agabanyuka ariko bidateza ikibazo, kuko bizakorwa mu gihe cy’imvura kandi mu gihe cy’amezi atanu, bityo nta kubura amazi kuzabaho.”*

Yongeyeho ko buri gihe harebwa uko ingaruka mbi zagabanyuka ugereranyije n’inyungu z’umushinga.

Ati: *“Hari uduce duta tuzagirwaho ingaruka n’urugomero, ariko turakorana n’ikigo gishinzwe Mine, Gaz na Peteroli mu Rwanda kugira ngo hatagira ufite uruhushya rwo gucukura, uzabikora mu buryo butaribwo.”*

Umuyobozi ushinze imishinga yo kubyaza amashanyarazi no kuyakwirakwiza mu Kigo cy’igihugu gishinzwe Ingufu (REG), Higaniro Théoneste yasobanuye ko miliyari 70 Frw zagenewe kwimura abaturage zizakoreshwa mu kubishyura ingurane z’imitungo yabo no kubimura mu buryo bukiye.

EDCL itangaza ko guhanga ikiyaga cy’amazi y’urugomero bizakorwa buhoro buhoro mu gihe cy’imvura, ku buryo nta bibazo bizabaho.

Mu mwaka wa 2020, u Rwanda n’u Bushinwa basinye amasezerano y’ubufatanye, aho Banki y’u Bushinwa China Exim Bank yahaye u Rwanda inguzanyo ya miliyari 308.9 (miliyoni 214 z’Amadolari) yo gufasha kubakura urugomero rwa Nyabarongo II.

5 RWANDA REAFFIRMS COMMITMENT TO SOLAR ENERGY SOLUTIONS AT 7TH AFRICA REGIONAL ISA MEETING IN ACCRA



During the summit, the Rwandan delegation held bilateral discussions with Mr. Ashish Khanna, Director General of ISA, exploring pathways to deepen cooperation between Rwanda and the Alliance.

These discussions focused on technical support, financing opportunities, and capacity building to strengthen Rwanda's solar sector.

In addition, Rwanda's team engaged with several key stakeholders including representatives from India's Green Rating for Integrated Habitat Assessment (GRIHA) and Alpha TND Ltd, a Ghanaian manufacturer active in solar and electricity distribution solutions,

with a growing presence in Rwanda.

These engagements aimed at fostering partnerships that can support Rwanda's clean energy ambitions through technology transfer, joint ventures, and sustainable building practices.

As part of the program, High Commissioner Mbabazi joined fellow participants on a working visit to Helios, an Independent Power Producer in Ghana.

The delegation toured the company's Rooftop Solar Project at the Tema Free Zone Enclave, gaining insights into commercial and industrial solar models that could be adapted to Rwanda's industrial parks and economic zones.

The 7th Africa Regional Committee Meeting of ISA concluded with a shared commitment among member states to scale up solar deployment, enhance regional cooperation, and align national efforts with global clean energy targets.

Rwanda has reiterated its strong commitment to regional collaboration and clean energy transition as High Commissioner Rosemary Mbabazi led the Rwandan delegation to the 7th Africa Regional Committee Meeting of the International Solar Alliance (ISA), held in Accra, Ghana from 02nd to 04th September 2025.

The high-level meeting brought together Africa's Energy Ministers, policymakers, and private sector stakeholders under the shared objective of bridging the continent's energy gap through scalable solar energy solutions.

The deliberations focused on unlocking Africa's vast solar potential to drive sustainable development, energy security, and climate resilience.

Representing Rwanda, High Commissioner Mbabazi reaffirmed the country's unwavering support for regional initiatives aimed at accelerating access to clean and affordable energy, while also spotlighting Rwanda's national efforts to expand solar off-grid and mini-grid solutions, particularly in rural and agricultural communities.

6 IBURASIRAZUBA: INGO 217 560 ZIZAGEZWAHO AMASHANYARAZI MU 2029



Irimimo yo gukwirakwiza amashanyarazi mu Ntara y'Iburasirazuba irarimbanyije, aho kugeza mu 2029, ingo 217,560 zizagezwamo amashanyarazi.

Uretse izo ngo, hazubakwa ibilometro 1,237.46 by'imiyoboro iringaniye y'amashanyarazi (medium-voltage)

Ibilometro 3,311 by'imiyoboro mito y'amashanyarazi bizubakwa (low-voltage), hazashyirwaho transformers nshya 923 zizashyirwaho.

Ni umushinga ushyirwa mu bikorwa na Leta y'u Rwanda ku bufatanye na Banki y'Isi, Banki ya Asia y'iterambere mu bikorwa remezo (Asian Infrastructure Investment Bank) na Banki y'u Burayi ishinze ishoramari (European Investment Bank).

Ni umushinga urimo no gutanga amahirwe y'akazi no gushyigikira imibereho myiza, kandi ukaba urimo guhindura ubuzima bw'abaturage mu Ntara y'Iburasirazuba.

Imibare yatangajee na Banki y'Isi muri Nzeri 2024, yerekana ko abantu bagerwagaho n'umuriro w'amashanyarazi mu Rwanda mu 1991 bari 2,4%, barazamuka bagera kuri 6% mu 2009, naho mu 2023 basaga 74%.

Kugeza ubu u Rwanda rwagejeje amashanyarazi ku kigero cya 100% ku bigo nderabuzima n'inyubako z'ubuyobozi ku rwego rw'Akarere no ku kigero cya 84% by'amashuri n'abafite ibikorwa biyabyaza umusaruro Ari bo ba rwiyezamezimirimo bato n'abaciriritse.

Sosiyete y'u Rwanda Ishinzwe Ingufu, REG igaragaza ko kugeza muri Mutarama 2024, ingo zingana na 21% by'abafite amashanyarazi zakoresheje akomoka ku mirasire y'izuba, mu gihe 55% zo ari akomoka ku muyoboro mugari.

Ivugakandikou Rwanda rutunganya amashanyarazi agera kuri Megawatt 383.4 zivuye kuri 276 mu 2022.

Ni mu gihe mu 1994, igihugu cyatunganyaga Megawatt 36 naho amakusanyirizoy'amashanyarazi yo yari 13.

Minisiteri y'Ibikorwa Remezo igaragaza ko u Rwanda rufite intego yo kugeza amashanyarazi mu ngo n'ahari ibikorwa bibyara inyungu ku gipimo cya 100% mu 2030, aho muri yo 60% azaba akomoka ku ngufu zitangiza ibidukikije ziganjemo izikomoka ku mirasire y'izuba n'ingomero.

7 ABATUYE MU KARERE KA GICUMBI BARAVUGA IMYATO LETA Y'U RWANDA NYUMA YO KUBAGEZAHO AMASHANYARAZI KU KIGERO CYA 81%.



Bamwe mu baturage bo mu karere ka Gicumbi, mu murenge wa Cyumba bavugaga ko bashima Leta y'u Rwanda ku bufatanye na Sosiyete y'u Rwanda ishinze ingufu REG bemeza ko batari bizeye ko nabo babona amashanyarazi bakaba bashima ko ubu yabagezeho kandi bikaba byaranatangiye guhindura imibereho yabo ndetse bakaba baranatangiye ibikorwa byo kwiteza imbere.

Umwe muri abo baturage bo mu karere ka Gicumbi witwaga Hategekimana Gerard wo mu Gacentre ka Keyebe, yavuzeko batarabona umuriro w'amashanyarazi bari babayeho nabi ariko ko aho bawubonye ubuzima bwabo bwahindutse nyuma yo kuva mu icuraburindi. Banashimira Perezida wa Repubulika Paul Kagame, wabagejeje ku iterambere ku bufatanye na Sosiyete ishinze ingufu REG.

Hategekimana yagize ati: *"Ubuse nabivugaga gute? Twari tumaze nabi cyane! Nyuma yo kubona umuriro, twabyakiriye neza cyane kuko ibyo Perezida yadusezeranyije byarabonetse kandi yarabiduhaye. Ooohh ushatse aracana, ushatse atera ipasi, byose birahari. Nyakubahwa Perezida Kagame, turagushimira iterambere watugejejeho*

Naho Nizangwe Divine ufite ubucuruzi bw'akabari mu Gacentre ka Keyebe yagize ati: *"Umuntu yacanaga igishira tugenda tukizunguza, cyangwa se agatadowa umuyaga waza kakazima ariko ubu umuntu akunda ku rukuta umuriro ukaka. Ubu ncuruza uko nshaka kuva saa kumi n'ebiri kugeza saa sita z'ijoro mba ndi mu kazi. Twageze ku iterambere! Nshimira Umubyeyi wacu Kagame Paul kuko yatugejeje kuri Byinshi."*

Ryumugabe Claude wogoshera muri ako gace avugako kuri ubu batangiye ibikorwa by'iterambere nyuma yo kubona amashanyarazi. Yagize ati: *"Tutarabona amashanyarazi twari mu icuraburindi kuko twajyaga mu nzu tumurikisha igishirira, ariko ubu dukanda ku rukuta umuriro ukaka. icyo byahinduye, urabona nge mfite umwuga wange wo kogosha nge nabyungukiyemo kuko umuriro waje ari iterambere ryange, mbonamo amafaranga nkabona igitunga umuryango."*

Ngendahayo Chrysologue, Umuyobozi w'ishami rya Sosiyete y'u Rwanda ishinze ingufu REG mu karere ka Gicumbi avugako kuri ubu nubwo imiterere y'aka karere itorohereza gahunda yo gukwirakwiza amashanyarazi kubera imisozi miremire n'uburyo abaturage batuyemo batatanye, ariko ko abaturage bese batujwe mu midugudu harimo n'icyitegererezo kuri ubu bafite amashanyarazi; kandi ko mu murenge 21 igize aka karere nta murenge numwe utaragezwamo amashanyarazi. Yizeza ko n'abatarabona amashanyarazi bashonje bahishiwe.

Ngendahayo yagize ati: *"Nka 2022 tutarabona umushinga wa RUEAP (Rwanda Universal Energy Access Program) wabonaga ko tukiri hasi cyane kuko twari turi ku kigero cy'a 56%, ariko ubu tugeze kuri 81% kandi icyo gihe twari turi ku ngo 60,000(HH) zifite amashanyarazi, ariko urabonako twazamutse tugeze ku rwego rushimishije. Hari undi mushinga witwaga Ascent uteganyaga kugaruka ukabasha gutanga amashanyarazi ahantu hose hasigaye. Turabwira abaturage batarabona amashanyarazi ko bihangana ko nahasigaye umuriro utaragera mu gihe kitarambiranye nabo tuzabafasha."*

Imibare itangazwa na REG igaragaza ko mu karere ka Gicumbi, kuva mu kwezi kwa gatanu kwa 2025 mu ngo zirenga 117,000 zihari, ingo zirenga ibihumbi 95,500 (HH) zamaze kubona amashanyarazi mu karere ka Gicumbi ni ukuvuga ko abaturage bamaze kugezwaho amashanyarazi muri ako karere bangana na 81%. Ni mu gihe mu ho Rwanda ingo zigera kuri 82% zimaze kugezwaho. REG yihaye intego ko bitarenze mu myaka itanu iri imbere ingo zose zizaba zigerwaho n'amashanyarazi 100%.

8 SFD FUNDS A PROJECT TO DELIVER ELECTRICITY IN KAMONYI

The Saudi Fund for Development (SFD), represented by its CEO, Mr. Sultan bin Abdulrahman Al-Marshad, signed in Kigali, Rwanda an agreement for a concessional development loan of \$20 million (Approximately Frw 23.3 billion) to finance the electricity delivery project in the Kamonyi District.

The project is part of a wider Energy Access and Quality Improvement program whose objective is to improve access to reliable and cost-effective electricity services for households, public institutions, and productive use in Rwanda.

The project aims to build a network of medium and low-pressure power lines and electricity distribution transformers to provide electricity to homes, government institutions, and social facilities in the Kamonyi District. This forms part of the comprehensive project to deliver electricity to several of the most underserved areas in the country. This project will benefit approximately 30,769 people and enhance economic, agricultural, and industrial activities, create direct and indirect employment opportunities, improve livelihoods, support Rwanda's economic growth, and promote sustainable living.

Talking to Rosine Kalisa; the REG Branch Manager in Kamonyi said that this project has already started bringing poles and assembling other essential materials which will be used to electrify households in Kamonyi.

Kalisa said that this project is set to electrify 20,000 households during 2025/2026 Fiscal Year and will electrify 12 Sectors in Kamonyi District.

This project will be based in all Kamonyi Sectors namely Mugina, Rugarika, Nyamiyaga, Runda, Gacurabwenge, Musambira, Nyarubaka, Kayenzi, Kayumbu, Rukoma, Ngamba and Karama.

During the signing ceremony, the CEO of SFD, Sultan Al-Marshad, stressed the importance of this project, which will support the Kamonyi region with electricity infrastructure and enhance sustainable economic



and social development in Rwanda. He also praised the 47-year development of relations between SFD and Rwanda.

In addition, Al-Marshad said, "Based on the cooperation, we hope that this project will be a source of development and bring benefits to Rwanda and its people to achieve the sustainable development goals."

Saudi Fund for Development has contributed to Rwanda's economic development by financing various vital projects and developmental programs. Since 1976, SFD support has enhanced Rwanda's developmental sectors and advanced toward the desired economic and social objectives to achieve sustainable development goals.

The agreement between the Government of Rwanda and Saudi Fund for Development (SFD) project to electrify Kamonyi was signed in September 2023 and will be implemented in phases and the first phase of electrifying 20,000 households in Kamonyi is set to start very soon.

IBYO UKWIRIYE KWITWARARIKA KU MASHANYARAZI MU NZU YAWE

Uko u Rwanda rugenda rukataza mu iterambere, ni nako amashanyarazi agezwa henshi no kuri benshi, haba mu mijyi ndetse no mu byaro. Ubu, ingo zisaga 81% zifite amashanyarazi, ndetse inyinshi muri zo zifite amashanyarazi afatiye ku muyoboro rusange.

N'ubwo amashanyarazi adufasha mu buzima bwa buri munsu, ni ngombwa kwitondera imikoreshereze yayo, kuko iyo akoreshejwe nabi ashobora guteza impanuka zikomeye zirimo inkongi, kwangirika kw'ibikoresho twifashisha mu ngo ndetse no mu kazi, gukomereka ndetse n'ufufu.

Ni ngombwa kwitondera ibikoresho wifashisha ushyira amashanyarazi mu nzu (installation) birimo intsinga, amatara n'ibijyana nayo, aho bacomeka (prise/socket), ndetse ukanagenzura uburyo ashyizwe mu nzu yawe, bikaba bikoze n'umuhanga ubizobereye. Ni ngombwa kandi gukoresha ibikoresho bifite ubuziranenge ku buryo bidashyuhya ngo bibe byateza inkongi mugihe ntabwirinzi buhagije buhari.

Igihe ushaka gushyira amashanyarazi mu nzu (installation)

Ibikoresho byifashishwa mu gushyira amashanyarazi mu nzu biri ukwinshi ndetse biboneka henshi mu maduka acuruza ibikoresho by'ubwubatsi. Igihe ugiye kugura intsinga cyangwa ibindi bikoresho, ugomba kugenzura ko uguze ibyujije ubuziranenge ku buryo bitazashyuhya ngo bishye.

Intsinga zo mu nzu ziba zizengurutse n'igikoba cya pulasitike. Iyo urutsinga rutujye ubuziranenge rurashyuhya, byakomeza cya gikoba kigashonga kigashya, maze bigatuma intsinga zihura zigatanga ibishashi. icyo gihe aho zinyura hose umuriro utangira kwaka. Akenshi rero usanga intsinga zinyura hejuru, ibikigize bihita bifatwa maze abantu bakisanga inzu yose yafashwe.

Ikindi cy'ingenzi rero, igihe cyose ugiye gushyira amashanyarazi mu nzu yawe ugomba kwifashisha abatekiniziye b'inzobere bafite ubumenyi n'inararibonye, ku buryo uba wizeye neza ubuziranenge bw'ibyo bagukorera. Ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura inzego zimwe z'imirimo Ifitiye igihugu akamaro (RURA) gisohora urutonde rw'abatekiniziye bafite impushya zerekana ko bafite ubumenyi n'ubuhanga bwo gushyira amashanyarazi mu nzu.

Igihe kandi usanzwe ufite amashanyarazi iwawe, ni byiza kugenzura ko nta rutsinga rvangiritse cyangwa se n'ibindi bikoresho byayo kugira ngo ubisimbure hakiri kare bitarateza impanuka.

Kwitwararika imikoreshereze y'amashanyarazi

Igihe ufite amashanyarazi iwawe ucomeka ibikoresho bitandukanye, ugomba kwitondera kugenzura ko ibyo ucomeka bimeze neza. Byaba ipasi, ishyiga ry'amashanyarazi (cuisiniere), radiyo, televiziyo, firigo n'ibindi bitandukanye, bigomba kuba bikora neza.

Ibikoresho by'amashanyarazi kandi bicomekwa gusa igihe birimo gukoreshwa, byaba bidakoreshwa bigacomokorwa. Nta mpamvuyoyogusiga ipasi icometsekandi utarimogutera imyenda, kuko ishobora gushyuhya igatwika ibyo iteretseho. Ni kimwe na radio na televiziyo, cyangwa sharijeri (charger) ya telefoni. icyo

utarimo gukoresha cyose, ni ngombwa kugicomokora.

Ugomba kandi kwirinda gucomeka ibintu byinshi cyane ahantu hamwe. Ugasanga kuri purize (prise/socket) imwe ucometseho ipasi, radio, televiziyo, firigo n'ibindi byinshi. Ibi bishobora gutuma aho bicometse hashyuhya hakaba hagurumana.

Ni ngombwa cyane kurinda abana bato gukora aho bacomekera (muri prise/socket) cyangwa no gukinira ku ntsinga z'amashanyarazi. Igihe cyose ubonye umwana muto ashobora gucengeza ikintu aho bacomekera, ugomba kwihutira kumubuza cyangwa kumwigizayo. Cyane cyane abana bato bageze igihe cyo gukambakamba, ntibagomba gusigara bonyine mu nzu irimo amashanyarazi.

Ku bantu bakuru kandi nabo, ni byiza kwirinda ibi bikurukira:

- Gucomeka cyangwa gucomokora igikoresho ku mashanyarazi igihe intoki zawe zitose (ziriho amazi);
- Kwirinda gukora ku gikoresho gicometse ufashe ikintu gikoze mu cyuma
- Irinde kwegereza ku marido n'ibitambaro ibikoresho bishyuhya nk'ipasi, "cuisiniere", "cafetière", n'ibindi.
- Irinde kwanika imyenda cyangwa ikindi kintu ku nsinga z'amashanyarazi
- Irinde gukinira ku byuma bitwara amashanyarazi
- Igihe itara ryahye cyangwa rishaje ugiye kurihindura, ni byiza kubanza kureba ko rijimije.
- Igihe utetse ku mashanyarazi, ugomba kuguma hafi y'iziko.
- Ugomba kumenya neza aho fizibule (fusibles/fuses) z'inzu yawe zisherereye ndetse ugakuraho inambamyi yose yakubuza kuhagera vuba igihe habaye ikibazo.

Wabyitwaramo ute igihe ubonye uwafashwe n'amashanyarazi?

Ese wari uzi ibibaho iyo umuntu afashwe n'amashanyarazi? Kubera imiterere y'umubiri w'umuntu ugizwe ahanini n'amazi, byorohera amashanyarazi kumunyuramo. Ikindi kubera umuvuduko wayo ungana n'uw'urumuri, iyo amunyuzemo yangiza ibice byinshi by'umubiri bitewe n'ingano yayo.

Imitsi iragagara bityo uwafashwe ntabashe kuyikuraho, ibihaha bikifunga ntabashe guhumeka, umutima ugahagarara imitsi ikifunga, noneho hakaziraho n'ubushye ku mubiri ndetse no kwangirika kw'ibice byawo by'imbere. Bitewe n'ubukana bw'umuriro, uwafashwe aba afite ibyago byinshi byo kuhasiga ubuzima.

Igihe ubonye hari uwafashwe n'umuriro, ugomba kwirinda kumukoraho n'intoki kuko nawe wahita ufatwa. Ahubwo icyo wakora, niba icyatumye afatwa gicometse, wagicomokora cyangwa ugakupa umuriro kuri fizibule. Bitabaye ibyo, ihutire guhamagara REG kuri 2727 cyangwa ishami rya Polisi Ishami rya Polisi y'u Rwanda rishinzwe ubutabazi no kurwanya inkongi z'umuriro kuri 111.

9 REG WBBC YEGUKANYE 'RWANDA CUP 2025' YIHIMUYE KURI APR



Ikipe ya REG WBBC yegukanye irushanwa rya **"Rwanda Cup 2025"** mu bagore, nyuma yo gutsinda APR WBBC amanota 79-52 ku mukino wa nyuma wabereye muri Petit Stade i Remera ku wa Gatatu, tariki ya 10 Nzeri 2025.

Iyi ntsinzi yatumye ikipe y'umutoza Julien Martinez yegukana ibikombe bibiri yakiniye mu Rwanda muri uyu mwaka w'imikino, dore ko yari yatwaye n'Igikombe cya Shampiyona itsinze Kepler WBBC imikino 4-3 muri 'Play-offs'.

Ku wa Gatatu, REG WBBC yatsinze agace ka mbere ku manota 16-13, ndetse n'aka kabiri ku manota 31-6, byatumye amakipe yombi ajya kuruhuka harimo ikinyuranyo cy'amanota 28 (47-19).

APR yari itegerejweho guhindura umukino mu minota 20 yari isigaye, ntiyabigezeho kuko yatsinzwe agace ka gatatu ku manota 21-20, ikinyuranyo kiba

amanota 29.

Ikipe y'Ingabo z'Igihugu yayoboye agace ka kane yatsinze ku manota 13-11, ariko ntibyari bihagije kuko yari yarushijwe amanota menshi mu duce dutatu twabanje.

Byukusenge Glorioso ukinira Ikipe ya REG WBBC ni we watsinze amanota menshi muri uyu mukino (14), mu gihe Akon Rose Paul na Maiga Kadidia batsinze 12 na 11 uko bakurikirana.

Rwanda Cup yakinwaga ku nshuro ya kabiri, aho mu 2024 yari yegukanywe na APR WBBC nyuma yo gutsinda REG amanota 72-59.

REG WBBC izahagararira u Rwanda mu Irushanwa rya Zone V rya 2025.



www.reg.rw